ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

Itangazo rigenewe abanyamakuru

# Ingoma ya Kagame ikomeje kwerekana ko nta mahoro ishakira Abanyarwanda

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique (Iscid asbl), ikigo giharanira demokarasi n'uburenganzira busesuye bw'umunyarwanda, irageza ku Banyarwanda, inshuti z'u Rwanda n'abaharanira demokarasi bose ubutumwa bukurikira :

1) Imyaka 21 irashize Seth Sendashonga yishwe (16/05/1998-16/05/2019). Ku buryo butunguranye Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame, mu mwiherero w'abakozi bakuru ba leta wabereye i Gabiro muri werurwe uyu mwaka, yigambye ko ariwe wamwivuganye asobanura ko ngo yari yarenze umurongo utukura. Uwo murongo utukura avuga ngo nuko Nyakwigendera Seth Sendashonga yari aherutse kubonana na bamwe mu basilikare bakuru ba Uganda barimo murumuna wa Yoweri Kaguta Museveni ariwe Jenerali Salim Saleh Caleb Akandwanaho. Perezida Kagame yongeyeho ko ntacyo yicuza kuri ubwo bwicanyi yakoze. **Dushingiye kuri aya magambo Perezida Kagame ubwe yivugiye yigamba urupfu rwa Seth Sendashonga turasaba igihugu cya Kenya gukora ubundi bugenzacyaha (investigations) bwagaragaza ababigizemo uruhare bose bagashyikirizwa ubutabera.**

2) Iscid asbl irashimira abantu benshi kandi banyuranye bamaganye iriya mvugo y'umukuru w'igihugu yo kwigamba ubwicanyi akorera abanyarwanda, ibyo bikaba byarabaye akamenyero ku buryo adatinya kubyigamba imbere y'abayobozi ashinzwe guha urugero, imbere y'abanyamadini n'imbere y'abaturage basanzwe kugeza n'aho avuga ko bamwe muri bo bazajya baraswa ku manywa y'ihangu, nta rundi rubanza rubaye. Kuba u Rwanda rutegekwa n'umuntu udafite indangagaciro zijyanye n'inshingano yo kuyobora igihugu ni ikibazo gikomeye abanyarwanda bose bakwiye kwibazaho.

3) Uyu munsi ngarukamwaka ubaye mu gihe havugwa umwuka mubi hagati y'u Rwanda na Uganda no hagati y'u Rwanda n'u Burundi ku buryo imipaka ihuza u

Rwanda n'ibyo bihugu byombi ifunze, ubuhahirane hagati y'abaturage b'abaturanyi bukaba bwarahagaze. Ubaye kandi mu gihe ibihugu byinshi bikurikirana ibibera mu karere byasabye abaturage babyo kwirinda gutembera mu Rwanda, cyane cyane mu turere twegereye ishyamba rya Nyungwe n'utwegereye pariki y'ibirunga. Ibyo na none birakurikira ibitero bimaze hafi umwaka bivugwa mu turere tumwe tw'igihugu ndetse n'ibindi bishobora kuba bitegurwa. Birumvikana ko umutekano mu gihugu ari muke n'ubwo abayobozi mu nzego zinyuranye bashimangira ko igihugu gitekanye. Iscid asbl yagiye ibyibutsa kenshi mu matangazo ndetse no mu biganiro yagiye ikoresha ko inzira yonyine yo kwirinda ibi bibazo ari ugufungura urubuga rwa politiki kugirango abatumva ibintu kimwe bashobore bose kugira ijambo bitanyuze mu nzira y'intambara.

4) Nyuma y'imyaka 25 FPR imaze ku butegetsi ubu leta ikaba iri mu myiteguro y'intambara na bamwe mu baturage bayo, barimo n'abagize uruhare runini mu kuyishyiraho, ni ikimenyetso cya politiki mbi ikeneye gukosorwa mu bundi buryo butari umuriro w'amasasu. Na none kuba ibihugu nka Uganda n'u Burundi byagize uruhare runini mu kwakira impunzi z'abanyarwanda mu bihe by'imvururu n'intambara byabaye guhera mu w'1959 ubu bihanganye n'u Rwanda ni ikindi kimenyetso cy'iyo politiki mbi yubakiye ku nyungu z'umuntu umwe, ikaba idashyira imbere inyungu z'abaturage. Biteye isoni kuba abategetsi babaye mu bihugu by'abaturanyi, bakahakurira, bakabayo batavangurwa ubu batinyuka kubwira abaturage b'u Rwanda ko bagomba kwirinda gushakana n'abo muri ibyo bihugu by'abaturanyi. Abanyarwanda bakwiye kwamagana ayo mabwiriza y'ubuhezanguni bagakomeza mu buryo bushoboka umubano mwiza bari bafitanye n'abaturanyi babo.

5) Iscid asbl iboneyeho kongera kwibutsa abanyarwanda kwirinda abantu bose bashaka kubagusha mu mutego w'amacakubiri ashingiye ku moko, ku turere n'ibindi. Bamwe bashingira ku mateka ya kera batazi neza ariko bakayavuga nk'abayahagazeho, abandi bakibanda ku mahano yagwiriye u Rwanda ahanini ku mpamvu z'intambara kandi nabyo bakabivuga babigoreka mu buryo bashatse. Birakwiye kwibutsa ko ingaruka z'ubutegetsi bubi zigira uruhare ku baturage bose. Izo ngaruka ni akarengane gashingiye ku kubura ubutabera, kubura umutekano, kugendera ku cyenewabo na ruswa, kubura ubwisanzure

bw'itangazamakuru, kubaho nk'imfungwa mu gihugu n'iyo waba witwa ko udafunze, gukeneshwa, n'ibindi. Iyo imipaka y'igihugu ifunze bibangamira abaturage bose, cyane cyane abayituriye nta kuvangura. Iyo mu gihugu habuze ireme ry'uburezi bidindiza abana bose uretse abafite ubushobozi bwo kujya mu mashuri yo mu bihugu byateye imbere. Iyo intambara ibaye mu karere runaka abantu bose bakavanwa mu byabo nta bwoko ubu n'ubu bubyungukiramo. Ingero ni nyinshi zerekana ko ubutegetsi bubi butabangamira ubwoko bumwe gusa cyangwa akarere runaka. Ibi birareba abari ku butegetsi ubu kimwe n'abaharanira kubugeraho.

Bikorewe i Bruxelles, tariki ya 13/05/2019

Perezida wa Iscid asbl

Jean Claude Kabagema

